REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO

AMATORA YO KU RWEGO RW'UMURENGE TARIKI 06 UGUSHYINGO 2021

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iributsa abanyarwanda ko ku wa **Gatandatu tariki 06/11/2021** hari amatora akurikira, ku rwego rw'Umurenge.

1. **Amatora y'Abajyanama ku Murenge baturuka mu Byiciro byihariye bikorera mu Murenge**
   Abahagarariye ibyiciro byihariye barimo: Uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza, Uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye, Umuyobozi uhagarariye ibitaro, ibigonderabuzima cyangwa andi mavuriro, Uhagarariye abikorera n'Uhagarariye imiryango itari iya Leta. Bose batorwa na bagenzi babo, amazina y'abatowe agashyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

2. **Amatora ya Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku Murenge**
   Inteko itora ni abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, iy'Abagore n'iy'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge. Ni nabo bavamo abakandida. Abahuzabikorwa ba Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore n'iy'Abantu bafite ubumuga kimwe n'abagize Biro ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko bari mu bagize Inama Njyanama y'Umurenge.

3. **Amatora y'abagore bangana nibura na 30% muri Njyanama y'Umurenge**
   Inteko itora ni abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Tugari n'iyo ku Murenge. Abakandida bava mu bagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Tugari.

4. **Amatora ya Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge**
   Inteko itora ni abagize Inama Njyanama y'Umurenge. Ni nabo bavamo abakandida.

Icyitonderwa: Imirenge itazabasha gutora ku wa gatandatu tariki 06/11/2021 kubera impamvu zitandukanye izatora bukeye, tariki 07/11/2021.

DUTORE NEZA! DUTORE INGIRAKAMARO!

Bikorewe i Kigali, kuwa 03/11/2021

Digitally signed by NEC(Chairman)

Prof. KALISA MBANDA

Perezida wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora